

**REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y' UBURINGANIRE N'ITERAMBERE
RY'UMURYANGO**

**RAPORO Y'INAMA YA KANE Y'IGIHUGU Y'ABANA
*KIGALI, SERENA HOTEL, KUWA 11 UGUSHYINGO 2008***

UGUSHYINGO 2008

IBIRIMO

1. INTANGIRIRO

1.1. Igihe n'aho inama nkuru ya kane y'abana yabereye

1.2. Abitabiriye inama

1.3. Ubufatanye bw'inzego mu gikorwa cyo gutegura inama y'igihugu ya kane y'abana

1.4. Intego

1.5. Umusaruro wari utegerejwe

2. UKO INAMA YA KANE Y'ABANA YAGENZE

2.1 Umuhango wo gufungura inama

2.2 Ingingo zibanzeho n'abafashe ijambo hafungurwa inama

3. IBIGANIRO BYATANZWE

3.1. Uruhare rw'umwana mu kurwanya ingengabitekerezo ya jenocide

5. UMUSOZO

5.1 *Imyanzuro yavuye mu nama ya gatatu y'abana*

5.2 *Umuhango wo gusoza inama*

6. IMIGEREKA

Umugereka 1: Gahunda y'Inama Nkuru ya Kane y'Abana

Umugereka 2: Ijambo rya Minisitiri rifungura inama

Umugereka 3: Discours du Représentant de l'Unicef aux cérémonies d'ouverture

Umugereka 4: Discours du Représentant de l'Unicef aux cérémonies de clôture

Umugereka 5: Ijambo rya Minisitiri risoza Inama Nkuru ya Kane y'Abana.

Umugereka wa 6: Lisiti y'abana bitabiriye Inama Nkuru ya Kane y'Abana

Umugereka wa 7 : Listi y'abantu bandi bitabiriye Inama Nkuru ya Kane y'Abana

IMPINAMAGAMBO

EDPRS:	Economic development and Poverty Reduction Strategies
MIGEPROF :	Ministre du Gendrer et de la Promotion de la Famille
MINEDUC :	Ministère de l'Education
MINECOFIN:	Ministry of Finance and Economic Planing
CNDP :	Cimmissions Nationale des Droits de la Personne
CNUR :	Commission Nationale d'Unité et Reconciliation
SIDA :	Syndrôme d'Immuno-Déficiance Acquise
CNLS :	Commission Natioanale de Lutte contre le VIH/SIDA
UNICEF:	United Nations Children's Fund
AGR :	Association des Guides du Rwanda
ASR :	Association des Scouts du Rwanda
MINALOC :	Ministère de l'Administration Locale, de la Bonne Gouvernance, du Développement Communautaire et des Affaires Sociales

1. INTANGIRIRO

Mu rwego rwo guha umwana umwanya wo kugira uruhare mu kubaka igihugu, habaho inama nkuru y'igihugu y' abana bahagarariye bagenzi babo. Izo nama z'abana zibera ku rwego rw'igihugu, zitegurwa hagamijwe kubaha urubuga batangiramo ibitekerezo n'ibyifuzo byabo batavugiwe n'abantu bakuru. Ibitekerezo by'abana bifatwa nk'umusanzu mu kubaka igihugu. Abana ubwabo nibo biyoborera inama ndetse bagakora n'imirimu isabwa ngo inama igende neza: kwakira abashyitsi, kuyobora ibiganiro, n'ibindi.

Mu mwaka wa 2004, kuva taliki ya 29 kugeza tariki ya 30 Mata, ku nshuro ya mbere mu Rwanda, habaye inama ya mbere y' igihugu y'abana yateraniye i Kigali, ifite insanganyamatsiko: **Icyizere cy'umwana mu bumwe n'ubwiyunge “Kwicuza kw'abantu bakuru”**.

Iyo nama yahuje abana basaga 250, bari baturutse mu turere twose tw'igihugu.

Mu myanzuro yafashwe muri iyo nama, harimo ko buri mwaka hazajya haba inama y'abana bahagarariye bagenzi babo ku rwego rw'igihugu ndetse abantu benshi bakuru bashyira umukono ku masezerano yo kwiyemeza kubungabunga uburenganzira bw'umwana.

Hakurikijwe uwo mwanzuro, inama ya kabiri y'abana yagombaga kuba mu mwaka wa 2005; ariko ntiyabaye bitewe n'izindi gahunda za Leta zihutirwaga ku rwego rw' igihugu icyo gihe. Mu buryo bwo kubahiriza icyifuzo cy'abana, iyo nama yimuriwe ku italiki ya 19 Mutarama 2006, ifite insanganyamatsiko igira iti: **“Twubake u Rwanda rubereye abana”**.

Muri gahunda yo gukomeza gushyira mu bikorwa imyanzuro yemeranyijweho mu nama nkuru y'abana, kuva tariki 22 Werurwe kugeza tariki ya mbere Mata 2007, habayeho inama z'abana ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali zatangiwe mo ibitekerezo kuri gahunda y'iterambere ry'igihugu (EDPRS) hagamijwe gutegura inama nkuru ya gatatu y'abana. Taliki ya 30-31 Nyakanga 2007 niho inama nkuru y'igihugu ya gatatu y'abana yabaye, ifite insanganyamatsiko igira iti: **“Umwana muri gahunda y' amajyambere rusange y' igihugu”**.

Nkuko byari byifujwe n'abana mu myanzuro y'inama ya gatatu ko habaho indi nama muri 2008 ifite insanganyamatsiko igira iti: **Uruhare rw'umwana mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenocide**. Iyi nsanganyamatsiko yatowe n'abana ubwabo ijyanye na gahunda y'igihugu cyacu ishaka ko abana baba umusingi w'amahoro kandi ko mu Rwanda haba ubumwe n'ubwiyunge abantu baharanira kuba mu mahoro ntawe uhutaje mugenzi. Iyo nama yabaye tariki ya 11 Ugushyingo 2008.

1.1 Igihe n'aho inama nkuru ya kane y'abana yabereye

Inama nkuru ya kane y'abana yabaye taliki ya **11 ugushyingo 2008**, ibera i Kigali mu Karere ka Nyarugenge, muri **Serena hotel**, hakurikijwe ingengabihe iteye itya:

- Tariki ya **09/11/2008**: kugera kw'abana mu icumbi ryabo Kacyiru mu mazu y'Umuryango Utabara Imbabare w' u Rwanda "Croix Rouge Rwandaise".
- Tariki ya **10/11/2008**: Guha abana bitabiriye inama urubuga rwo kumenyana, kwiha inshingano no gutegura inama
- Tariki ya **11/11/2008**: Inama ya kane y'abana nyirizina
- **12/11/2007**: Gutaha kw'abana bari bitabiriye inama

1.2 Abitabiriye inama

- Abana bahagarariye abandi bana kuri buri murenge bagera kuri 416.
- Abantu bakuru baje baherekeje abana bagera kuri 30, umuntu umwe kuri buri karere.
- Intumwa z'inzego zagize uruhare mu gutegura inama nkuru y'abana.
- Abahagariye inzego za Leta zinyuranye, imiryango itagengwa na Leta ndetse n'abahagarariye amashami y'umuryango w'abibumbye bose hamwe bagera kuri 200.

1.3 Ubufatanye bw'inzego mu gikorwa cyo gutegura Inama y' Igihugu ya kane y'abana.

Mu rwego rwo kunoza igikorwa, hashyizweho komite tekinike ishinze gutegura inama ya kane y'abana. Iyo komite tekinike yari igizwe n'abakozi bahagarariye inzego zikurikira : MIGEPROF nk'urwego

ruyoboye icyo gikorwa, Minisiteri y'a Sporo n'Umuco(MINISPOC), Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenocide (CNLG), Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC), Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu (CNDP), Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge (CNUR), Komisiyo y'igihugu ishinzwe kurwanya SIDA (CNLS), Polisi y'Igihugu, UNICEF nk'Umuterankunga mukuru mu gikorwa, imiryango itegamiye kuri Leta (Umuryango w'Abagide mu Rwanda (AGR), Umuryango w'Abasukuti mu Rwanda (ASR), Umuryango Ibuka ushinzwe guharanira inyungu z'abacitse ku icumu rya Jenocide, na UYISENGA N'MANZI nk'umuryango ushinzwe gucunga ibikenewe ngo inama itungane ishyigikiwe na MIGEPROF na UNICEF.

1.4 Intego

Intego nkuru y'inama ya kane y'Abana yari iyo kurebera hamwe uruhare rw'abana mu kurwanya ingengabitekerezo ya jenocide, hagamiye ko baba umusingi w'amahoro kandi ko mu Rwanda haba ubumwe n'ubwiyunge abantu baharanira kuba mu mahoro ntawe uhutaje mugenzi we.

- Guha abana urubuga rwo kuganira n'abayobozi bakuru b'Igihugu.
- Kuba bamwe mu bayobozi bakuru b'igihugu bageza ku bana "Gahunda nkuru z'igihugu: Politiki, porogramu n'ibindi bikorwa binyuranye bikorerwa abana".

1.5 Umusaruro wari utegerejwe

- Kuganira ku mibereho y'abana (Abana n'abayobozi bakuru b'igihugu) ku burenganzira bwabo ndetse bakanakangurirwa kuzuzwa inshingano zabo.
- Ababyeyi, abarezi n'abayobozi bamenye ibitekerezo n'ibyifuzo by'abana kugirango babone uko babishyira mu bikorwa.
- Abana bakangurirwe kuba abaturage b'inyangamugayo muri byose no kwirinda kwiroha mu bikorwa bigayitse.
- Iyi nama yari igamije kwerekana ko abana aribo shingiro ry'amahoro arambye; Kandi ko bagomba kugira uruhare mu kurwanya ingengabitekerezo ya jenocide haba mu myifatire, mu mvugo, mu nyandiko n'ibindi bikorwa bibi;
- Abana bagaragaraje ibyo basaba ababyeyi babo, abarezi babo, abayobozi babo ndetse n'abandi bana bagenzi babo bijyanye n'ibikwiye gukorwa kugirango ingengabitekerezo ya jenocide irimburwe n'imizi yayo haba mu miryango yabo cyangwa mu mashuri.

2. UKO INAMA YA KANE Y'ABANA YAGENZE

2.1. Umuhango wo Gufungura inama

Inama nkuru ya kane y'abana yafunguwe ku mugaragaro na Nyakubahwa Minisitiri wa Gender n' Iterambere ry'umuryango, Docteur MUJAWAMARIYA Jeanne d'Arc.

Abandi bafashe ijambo muri uwo muhango wo gutangiza iyo nama ni, Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, Uhagarariye UNICEF mu Rwanda n'umwana uhagarariye bagenzi be bari bitibariye inama.

2.2 Ingingo zibanzweho n'abafashe ijambomu gufungura inama

Nyakubahwa Minisitiri wa Gender n' Iterambere ry'umuryango wari umushyitsi mukuru muri iyo nama, wafunguye ku mugaragaro iyo nama, yatangiye ashimira abana kuba bitabiriye inama akaba ari nabo ubwabo bari batanze insanganyamatsiko yayo. Madame Ministri yibukije ko impamvu y'iyi nama ari ukugirango abantu bumve ibibazo abana bahura nabyo ndetse n'ibitekerezo byabo, iyo ikaba ari intambwe ikomeye igihugu cyacu kimaze gutera.

Madamu Ministri yijeje abari mu nama ko Leta yihaye gahunda yo gushyira mu bikorwa ibitekerezo abana batanze mu nama zisherutse ifatanyije n'inzego zayo, imiryango nterankunga, imiryango itegemeye kuri Leta n' abikorera.

Yakomeje avuga ko mu kugeza ku bandi imyanzuro y' inama ya gatatu mu mirenge yose y'u Rwanda, ingingo yagarutsweho batora insanganyamatsiko yakwigwaho mu nama ya kane ari **“uruhare rw'abana mu kurwanya ingengabitekerezo ya jenocide”**, ikaba yaratowe 80% mu mirenge yose; bityo rero niyo mpamvu inama ya kane ifite iyi nsanganyamatsiko.

Mu byo Leta yiyemeje, imaze kubona ko bamwe mu banyarwanda bagifite ingengabitekerezo ya jenocide n'amacakubiri hagiyeho Komisiyo y'igihugu ishinzwe kurwanya jenocide, abana ntibayihajwemo. Ikigamijwe ni ukurandura ingengabitekerezo ya Jenocide n'imizi yayo yose.

Mu ijambo rya yagize ati: “Abafunguwe bagikora Jenocide turabamagana kandi nibakorwe n'isoni. Birababaje kubona amahanga arekura abagize uruhare mu gutegura no gukora jenocide none akaba afunga intwari zayihagaritse”;

Mbere yo gusoza, yibukije ko u Rwanda ari jye nawe, ko kandi kora ndebe iruta vuga numve, ariyo mpamvu yasabye abana kubafasha guhana abafite ingengabitekerezo ya jenocide babatungira agatoki

ababishinzwe kabone n'iyi baba ababyeyi cyangwa abarezi babo. Yabasabye kwima amatwi abigisha ingengabitekerezo bityo twese twubake u Rwanda ruzira amacakubiri.

3. IBIGANIRO BYATANZWE

Ibiganiro byatanzwe mu nama ya kane y'abana, abana babigejejweho n'abayobozi bari bahagarariye inzego za Leta zitandukanye, ibigo bishamikiye kuri Leta, imiryango y'abikorera ndetse n'abana ubwabo.

Inzego zagize uruhare mu gutanga ibyo biganiro mu nama ya kane y'abana twavugaga izi zikurikira: MIGEPROF, MINEDUC, MINADEF, MINISPOC, CNLG, CNUR, MININTER, MINALOC, UNICEF, POLISI Y'IGIHUGU, KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBURENGANZIRA BWA MUNTU.

Ibiganiro byatanzwe ni ibi bikurikira:

3.1 Ikiganiro ku ruhare rw'abana mu kurwanya ingengabitekerezo ya jenocide.

Iki kiganiro cyatanzwe n'umwana Bayizere Angela hagamijwe kumvikanisha uko abana bumva ingengabitekerezo ya jenocide.

Uyu mwana yavuze ko nkuko insanganyamatsiko ibivugaga hagarukamo ijamba ingengabitekerezo, yasobanuye ko hari ingengabitekerezo nziza n'ingengabitekerezo mbi.

Inziza ni nk'iyi abateguye iyi nama bafite kuko bashakaga umusaruro wubakaga naho imbi ni nk'iyi jenocide kuko yo igamijwe gutsemba. Iyo mbi tugomba kuyirandurana n'imizi yayo yose kuko idusenyeraga igihugu.

Uko tugomba kuyirwanya.

Uyu mwana yagaragaje umusanzu biteguye gutanga nk'abana mu ngingo ligera kuri enye:

- kureba umunyarwanda wese nk'umuvandimwe
- kujya mu maclubs yo kurwanya ingengabitekerezo ya jenocide nkuko bahereye ku rwego rw'umudugudu
- Kutoshywa n'ababyeyi kugira ingengabitekerezo ya jenocide nyuma y'iyi nama.
- Gusobanurira n'ikinyabupfura ababyeyi abarezi n'abayobozi ububi bw'ingengabitekerezo ya jenocide no guharanira kubahindura.

3.2 Ingamba za Leta mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside.

3.2.1. Ikiganiro cyatanzwe na MINISPOC

Minisitiri w' umuco na siporo, Bwana HABINEZA Joseph yatangiye ikiganiro, ashimangira ibyavuzwe n'umwana uhagarariye abandi wari umaze gutanga ikiganiro ku ruhare rw'umwana mu kurwanya ingengabitekerezo ya jenocide; yashimangiye ko umuntu ku giti cye ariwe urwanyana ingengabitekerezo ya Jenocide bwa mbere.

Yabwiye abana ati:” mu mucu wa kinyarwanda bavuga ko UMWANA UTUMVIRA SE NA NYINA YUMVIRA IJERI ariko kubera amateka umwana niwe ugeze aho kwigisha ababyeyi”. Akaba ariyo mpamvu bagomba gutegura ejo hazaza habo batitaye kuby’ ababyeyi bababwira bijyanye n’amacakubiri.

Bwana Ministri Joseph yabasabye abana kwima amatwi abagifite ingengabitekerezo ya Jenocide ahubwo bakababwira ngo: I know “NDAZI”, biyibutsa ngo I can “NDASHOBOYE”, nyuma yaho bati I do “NKORA”. Ibyo bikaba ari bimwe mu bizafasha kurimbura ingenganbitekerezo ya jenocide binyuze mu bana. **“GUSHOBORA GUKORA IBYO BAZI BEMERA KANDI BAFITE UBUSHAKE”.**

Bwana Ministri yabwiye abari mu nama, by’umwihariko abana ati: Ingamba zirahari, amategeko arahari, ntacyo bimaze bidakurikizwa.

Yatumye abana ati: “Mubwire ababyeyi ngo ibyo mwakoze ni ibyanyu mwibituvangamo, ingengabitekerezo yanyu muyireke kandi mwiidushyiramo.” Ibi ni byo yashozerejeho asaba abana mu kiganiro yagiranye nabo.

3.2.2. Ikiganiro cyatanzwe na CNLG

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CNLG Bwana MUCYO Jean de Dieu nawe yakomeje aganirira abana n’abitabiriye inama ku bijyanye n’inshingano za Komisiyo y’Igihugu ishinzwe kurwanya Jenocide.

Yatangiye ashimira aba badepite b’abandi bana kuba baratoye iyi nsanganyamatsiko.

Yakomeje asobanura zimwe mu ngingo zo mu itegeko rigamije kurwanya ingengabitekerezo ya jenocide n° 18-2008 ryo kuwa 23/07/2008. Iryo tegeko rihana ingengabitekerezo ya Jenocide ku buryo ubwo aribwo bwose; kandi ryihanukiriye.

Yasobanuye jenocide ko ari urusobe rwo kuronda abantu hakurikijwe ibara ry'uruhu, akarere, ishyaka, idini cyangwa ibitekerezo n'imiterere y'umubiri hanyuma hakabaho guharabika no gutoteza hagamijwe gutsemba burundu.

Ingengabitekerezo ya jenocide icyo igamije ni ukubiba no gukuza umuco ibitekerezo, amagambo, n' imyitwarire biganisha ku kurimbura hakurikijwe ibara ry'uruhu, akarere, ubwoko, ishyaka, idini, ibitekerezo, n'ibindi.

Iyi ngengabitekerezo hari aho igikomeza ku isi no mu Rwanda ku buryo habaho ihohotera no kubuza uburenganzira abantu.

Ingingo ebyiri z'ingenzi ziri muri iri tegeko:

Ingingo ya kabiri: Iteganya ibihano ku muntu mukuru wese uhamwa n'ingengabitekerezo ya jenocide; uyu ahabwa igifungo cy'imyaka 10 – 25 n'ihazabu y'amafranga kuva ku bihumbi 200 000.

Ingingo ya cumi: Iteganya ibihano ku mwana utarageza ku myaka 12 uhamwa n'ingengabitekerezo ya jenocide uyu ahanjwe mu kigo ngororamuco mu gihe cy'amezi cumi n'abiri; Naho ufite hagati y'imyaka 12 na 18 ahanjwe ½ cy'igihano giteganywa n'ingingo ya kabiri ihana icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide.

Inshingano za Komisiyo ishinzwe kurwanya Ingengabitekerezo ya jenocide:

- Kuvuganira abacitse ku icumu rya jenocide
- Kurwanya jenocide n'ingengabitekerezo yayo
- Guhangana n'ingaruka za jenocide (ihungabana, ubumuga, n'ibindi).

3.2.3. Ikiganiro cyatanzwe na MINEDUC

Nyuma y'ikiganiro cyatanzwe na CNLG, Umunyamabanga wa Leta ushinze uburezi mu gihugu, Bwana MUTSINDASHYAKA Théoneste, nawe yagize icyo aganirira abana kuri iyi ngingo, atsindagira ko urubuto rw'umugisha rwera ku giti cy'umurimo kandi ashima ko uruhare

rw'abana mu gukumira ingengabitekerezo barwumvise, ndetse ko bo banagira Imana u Rwanda rukaba ruyoborwa na Nyakubahwa Paul KAGAME ufite gahunda iganisha u Rwanda aheza no kwita ku bana kandi imvugo ye niyo ngiro.

Umunyamabanga wa Leta MUTSINDASHYAKA yasabye abana kudasiga ibyavuzwe muri Serena, ahubwo ko bagenda bakabwira ababyeyi, inshuti n'imiryango, ko ibintu byahindutse, ko nta ngengabitekerezo ya jenocide ikwiye mu Rwanda bityo nabo imvugo ibe ingiro.

Yakomeje abasaba kuzaba abayobozi beza ko kandi u Rwanda ruzaterwa ishema no kubona umuntu ugira ikinyabupfura, uburere bwiza ubwenge, umurimo unote; amahanga azajya avuga ngo uriya muntu ni umunyarwanda nawe bimutere ishema.

3.3. Umuryango, igicumbi cy'uburenganzira n'uburere bw'umwana

Minisitri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Docteur MUJAWAMARIYA Jeanne d'Arc ni we watanze iki kiganiro yerekana uburyo umuryango ari igicumbi mu burere bw'umwana.

Yavuze ko ubusanzwe umwana avuka mu muryango muto ugizwe na se, nyina n' abana ndetse n'umuryango mugari ari wo w'abanyarwanda, bityo rero iyo umwana yasamwe aba ari muri uwo muryango.

Urwego shingiro rw'Umuryango, nk'uko Madame Ministri yabivuze, ngo ni ugutanga uburere, uburezi uko ibihe bigenda bisimburana.

Yakomeje agaragaza ibyo umwana yigishwa akiri mu muryango muto:

- kubana n'abandi;
- gusangira ;
- gukora;
- gufashanya;
- gukina;
- kwigira kuri bagenzi be n'ibindi.

Madamu Ministri yakomeje ikiganiro avuga ko kubera amahano igihugu cyacyiyemo, hari igihe umwana yakwihakana abamubyaye bitewe n'ibyo bakoze, nyamara ariko ngo kurera umwana neza ni ugukora neza kugirango akwigireho.

Umuryango uhayeho umwana uburere bwiza bigira ingaruka nziza kuri we ndetse n'igihugu muri rusange.

Yahaye impanuro abana abasaba eureka kwishyiramo ko umuryango mugari bakomokamo ukennye ahubwo bajye mbere bige bakomereze ku byo abababanjirije bakoze.

Madame Ministri ufite iterambere ry'Umuryango mu nshingano ze ngo abanga hari inkunga abana bashobora gutanga mu bushobozi buke bafite kugirango u Rwanda rutere imbere nko gusura bagenzi babo mu ngo bakareba uko baramutse. Yagize ati hari abana bafite ihuriro ryitwa Children Right Movement (CRM) risurana kandi hari ibibazo byinshi rimaze gukemura.

Mu gukomeza kubungabunga umuryango, Madame Ministri hari ibintu yanenze kandi asaba ko byakosorwa: imiryango myinshi ubu isigaye igira ibibazo kubera ababyeyi batabona umwanya wo kuganira n'abana kandi ari kimwe mu nkingi z'uburezi, benshi ngo ntibamenya uko abana baraye cyangwa baramutse, hakaba igihe haba ibicazo bikamenyekana amazi yaramaze kurenga inkombe.

Madamu Minisitiri yaboneyeho agira ibyo asaba ababyeyi bari mu nama:

- Gushaka umwanya uhagije wo kuganira n'abana;
- Kwirinda ibiganiro abana bashobora gukurikira birimo ingengabitekerezo ya jenocide n'andi makimbirane;
- Kurebana igitsure abana batabangamira uburenganzira bwabo;
- Kumenya icyo ugamije ku bana bawe;
- Kubungabunga ubwumvikane hagati y'abana n'ababyeyi;
- Kumenya inshuti z'abana babo;
- Kugenzura ibyo abana babo batunze (urugero nk'igihe ubona umwana afite telephone ihenze utazi aho yayivanye, cyangwa yohereza message kuri telephone ayo mafranga utazi aho yayavanye kandi adakora).

Ibyasabwe abana:

Madamu Ministri yagize n'ibyo asaba abana bitabiriye inama:

- Kuvugana ishema ko uri umunyarwanda;
- Guharanira kuba umwe n'abandi banyarwanda;
- Guharanira kuzaba abayobozi beza;
- Kumenya kubwira oya ababashuka babashora mu ngeso mbi;
- Kunyurwa n'ibike bafite;
- Kugira isuku n'imyitwarire myiza;
- Guhitamo inshuti nziza.

3.4 Uruhare rw'umwana mu kwimakaza umuco wo gukunda igihugu no kubaka amahoro arambye. Par NKOTANYI Fred

Uyu mwana watanze ikiganiro yabanje gushimira abari mu nama abona kuvuga insanganyamatsiko yari yateguye nk'umusanzu mu gukumira ingengabitekerezo ya Jenoside : Uruhare rw'umwana mu kwimakaza umuco wo gukunda igihugu no kubaka amahoro arambye.

Fred yatangiye avuga ko dukurikije amateka yaranze igihugu cyacu abana bagiye bahura n'ingaruka mbi kubera abanyarwanda bagiye batakaza umuco mwiza wo gukunda igihugu cyabo, muri izo ngaruka twavugaga: kwicwa, guhunga, kubura ababyeyi, muri make bavutswa uburenganzira bwabo.

Iki kiganiro gikubye ibice bibiri:

**Kwimakaza umuco wo gukunda igihugu*

Umuco wo gukunda igihugu ngo ni urusobe rw'imyifatire n'ibikorwa byiza umuntu akorera igihugu cye cyamubyaye, byaba ngombwa akanakitangira.

Fred yakomeje agira ati: "twasanze natwe abana twakwimakaza umuco wo gukunda igihugu mu buryo bukurikira:

- Gukunda abagituye;
- Kubahiriza gahunda za Leta;
- Kuvuga igihugu cyawe neza no kurwanya uwkivuga navbi wese ;
- Kudashyigira abafite imigambi imigambi mibi yo kugisenya;

**Kubaka amahoro arambye.*

Intumwa y'abana Fred yavuze ko ibi bivugaga kubiba imbuto y'urukundo turwanya icyakurura urwanganano hagati yacu.

Yakomeje agaragaza uruhare bo nk'abana bagira mu kubaka amahoro arambye ari byo:

- Kwitabira ibiganiro bijyanye n'amahoro arambye;
- Gushinga amaclub ajyanye no gushimangira amahoro arambye;
- Kwima amatwi abashaka bose guteza imvururu mu bana ndetse no mu bandi bantu bose.

Inzitizi abana bahura nazo.

Intumwa y'abana Fred yavuze ko badahabwa umwanya wo gutanga ibitekerezo (hari hamwe bitaregera mu nzego zo hasi).

Ngo hari kandi aho abana ubwabo bakitinya; Kitwe no kudahabwa amahugurwa ahagije ku muco wo gukunda igihugu.

IBYIFUZO

Mbere yo gusozza ikiganiro cye, Fred yatanze ibyifuzo mu izina rya bagenzi be no mu izina rye bwite:

- Guhabwa umwanya uhagije wo gutanga ibitekerezo aho bidakorwa neza by’umwihariko mu mirenge n’utugari;
- Gutanga ibiganiro mu mashuri ndetse n’aho abana abuhurira;
- Gushyiraho amatorero y’abana mu mirenge.

3.5 Umuco wo gukunda igihugu no kubaka amahoro arambye.

3.5.1. Ikiganiro cya MINALOC

Nyakubakwa Ministri MUSONI Protazi yatanze ikiganiro kirambuye ku gukunda igihugu. Yatangiyeye avuga ati amahoro ni ukwishyira ukizana, kuba ufite umutuzo n’umutekano wawe n’ abawe.

Mu ngingo zigera ku icumi Minisitri ufite ubutegetsu bw’igihugu, amajyambere rusange, imiyoborere myiza n’imibereho myiza y’abaturage mu nshingano ze yaganiriye abari mu nama ku bisabwa ngo abantu bimakaze umuco wo gukunda igihugu n’ amahoro. Ibyo yavuzeho birimo kumenya no gukunda igihugu, kumenya indangagaciro zisabwa umunyarwanda muzima uharanira kuba indatwa n’ibindi:

- **Ibisabwa kugirango iterambere rigerweho**

- Kurwanya akarengane n’ibigatera byose;
- Kubahiriza uburenganzira bwa buri wese;
- Kwimakaza umuco wo gukunda igihugu no kugira uruhare mu gukemura ibibazo igihugu gifite.

- **Igihugu ni iki?**

Ni ahantu hafite imbibi zihoraho kandi zemewe n’ amategeko ku rwego rw’aho hantu, ku rwego rw’akarere no ku rwego rw’isi.

Ni ahantu hatuwe n’abantu, kandi hafite abategetsu bemewe.

- **Igihugu cyambyaye ni iki?**

Igihugu mvukamo nshobora kuba ngituyemo cyangwa ntagituyemo.

- **Gukunda igihugu ni iki?**

Ni ugukunda abagituye; ni ukubaha no kurengera umutungo wacyo, kwirinda guhumanya, kwanduza cyangwa kwangiza ibidukikije. Kubaha uburenganzira bwa buri muntu wese ugituye.

- **Umuco wo gukunda igihugu ni iki?**

Ni ukugira imitekereze, imigenzereze, imyifatire ituma umuntu yishimira igihugu cye n’abagituye; no kubaha uburenganzira bwa buri wese.

Kubabazwa n’ibibazo igihugu gifite cyangwa kirimo no kugira uruhare mu kubikemura ndetse byaba ngombwa ukanacyitangira.

Urugero Bwana Minisitri yatanze rugaragarira mu ndirimbo yubahiriza igihugu: RWANDA NZIZA

Abari mu nama basobanuriye hamwe indirimbo yubahiriza igihugu.

Intangiriro yacu ni igihugu cyacu ni naryo herezo.

Mu gusoza igice cya mbere, Bwana Ministri yahaye abana ubutumwa agira ati: “Mwe muri abana beza mugire icyo mumara kurusha icyo namaze, tuzahore twibuka ibyo abandi bakoze kuko hari abitangiye igihugu mbere yacu. Umuhigo n’ntego uba wihaye kandi ntiwabaho utawufite.

Ijabo ni ishema, kwihuta ntuzarire, natwe nidukora vuba tuzahabwa ijamba kubera ibyo tuzaba twaragezeho”.

- **Bimwe mu bikumira iterambere**

Yakomeje ikiganiro asobanura bimwe mubishobora kubangamira iterambere ryacu bikatubuza kugera ku mahoro arambye ari byo:

- Amakimbirane;
- Igihugu kitagera ku nyanja kandi gifite abaturanyi batari beza;
- Igihugu gifite ubumenyi buke.

- **Indagagaciro zafasha kwihutisha iterambere.**

- Kwihuta no kubahiriza igihe mu iterambere;
- Kugira umuco wo kunezeza abo dukorera, kureba kure;
- Guhora turushaho kunoza ibyo kuba indashyikirwa;
- Kurangiza ibyo watangiye hagamijwe umusaruro;
- kwiyubaha no kugira ishema ry'igihugu.
- **AGASOZI INDATWA:** Kurinda ibyo Imana yaduhaye, igihugu cyacu kikaba indashyikirwa kuri buri muturarwanda duhereye mu rwego rw'umudugudu.

Abana bahawe ubutumwa muri aya magambo: *“Uru ni urugamba mwashoje muharanire kuzarurungiza; mugaragaje umusaruro; mufite uburenganzira bwo kuyobora abayobozi babi”.*

- **Ibibangamira indangagaciro.**

Mu rugamba rwo gukunda igihugu no guharanira mahoro arambye, Minisitri Musoni ya garagarije abana ibintu bagomba kwirinda:

- Gukora utazirikana intego;
- Guhunga inshingano;
- Kuba Nyiranjyiyobijya (gufata ibyemezo bidafatika);
- Kwanga kwiteranya;
- Kutizerana (kubaka akazu).

3.5.2. Ikiganiro cya Minisitiri ushinzwe Umutekano

Minisitri MUSA Fazili HARELIMANA, ufite Umutekano mu nshingano ze nawe yakomeje ashima abana, kandi akomereza mu murongo wa mugenzi we ushinzwe ubutegetsu bw'igihugu Minisitri Musoni avuga ati kuba abana bamaze kuganira ku ndirimbo yubahiriza igihugu, nta yindi nyigisho irenze iyo kuko ikubiyemo byose.

Yakomeje yemera kuzabasurisha inzu inteko ishingira amategeko ikoreramo kugirango birebere uko ubutegetsi bubi aribwo bwubatswe iyo nzu bwarangiza bukayinayisenyera; ubu izaba irimo gusanwa kandi n'ubutegetsi bwiza abana bibonamo uyu munsi.

Nk'abana bagize amahirwe yo gukurira mu gihugu cyamagana ingengabitekerezo ya Jenoside, yabahamagariye kuzubaka ibyo batazasenya.

3.5.3. Ikiganiro cy'uhagarariye komisiyo y'ubumwe n'ubwiye

Uhagarariye iyi komisiyo, Madamu Fatouma NDANGIZA yaganiriye abana. Yatangiye asaba abana kuzirikana indirimbo bakomeje kuririmba bagira bati: "tuzarwubaka" abaha impanuro ko kugirango bashobore kurwubaka ari uko bakwirinda kuba ingwizamurongo, bakazatumikira ababatumye babigisha kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside.

Akomeza ikiganiro cye, Madame Fatouma yibukije abari mu nama ko hari icyumweru ngarukamwaka cy'ubumwe n'ubwiye kuva tariki 17 kugera 23 ugushyiraho; yasabye abana ko basubiye ku mirengi bazaganirira abandi bana kubyo bavanye mu nama.

Yavuze ko abayobozi bari aho biyemeje kuzabafasha kugirango bashingira amashuri menshi aho batuye mu mirengi.

Yabahaye ubutumwa ku babyeyi ko badakwiye kongera kubita amazina mabi y'amagenurano agaragaza ingengabitekerezo. Urugero: Ndimubanzi, Mbarimombazi.

Mu gusoza, Madame Fatouma yongeye gushimira abana umusanzu bakomeje gutanga mu gihugu cyababyaye, abifuriza ko bahumeka amahoro nk'uko indamukanya nziza yo mu majyaruguru igira iti: *MUGIRE AMAHORO UBWOROHERANE MURANDURA INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE N'IMIZI YAYO YOSE.*

3.5.4. Ikiganiro cy'uhagarariye ministeri y'ingabo

Iki kiganiro cyatanzwe na Ambasaderi Isaac NSENGA Umunyamabanga Uhoraho muri Ministeri y'Ingabo.

Nawe yakomeje ashimangira gukunda igihugu, ati ni ukurinda inkiko zacyo bityo muba murinze n'ibyiza bikirimo; ndetse naza ndangagaciro.

Yagaragaje uburyo Ingabo z'igihugu zidahwema kwitangira igihugu mu murito ziyemeje wo kurinda ubusugire bwacyo, ibi bikaba byaragaragaye kuva zirwanya Jenoside kandi zikayihagarika. Uyu munsu naho zikaba zikomeje guharanira amahoro mu gihugu, mu baturanyi no ku isi yose.

Mu butumwa busoza, Ambasaderi NSENGA yagize ati: "Bana rero nimurinda igihugu nibwo muzaba muri ingabo nziza".

4. IBIBAZO N'IBYIFUZO BY'ABANA

5. IMYANZURO Y'INAMA NKURU Y'IGIHUGU Y'ABANA.

Taliki ya 11/11/2008 nibwo muri Serena, Kigali nibwo habaye inama nkuru ya kane y'igihugu y'abana hakurikijwe insanganyamatsiko: Uruhare rw'abana mu kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside.

Muri icyo nama hagarurirwe ku bintu bikurikira:

Uburyo abana barwanya ingengabitekerezo ya jenoside:

Gushyiraho amashuri arwanya jenoside.

Kudatega amatwi abashyiramo ingengabitekerezo ya jenoside

Kumva inama z' abashyirahamwe batubuzwa kujya mu bibi;

Kumenya aho duhurira hose n'ingengabitekerezo kabone niyo haba ari ababyeyi bacu.

Kumenya itegeko rihana abagaragayeho ingengabitekerezo.

Uburyo icyo migambi yavuye muri icyo nama twarushaho kuyigeza ku bandi.

Ibyasabwe n'abana muri rusange.

Abayobozi bagomba kudufasha gushinga amashuri mu mirengano ku biga n'abatiga

Gudufasha gusura inzibutso za jenoside

Gushyiraho amarushanwa agamije kurwanya ingengabitekerezo ya jenocide.

Kumenyekanisha itegeko rihana abagaragayeho ingengabitekerezo ya jenocide.

Ibyasabwe abana muri rusange.

Kuvuga oya ku muntu wese ugushuka akuganisha mu ngengabitekerezo.

Kwirinda incuti mbi

Kuganiriza ababyeyi mu kinyabupfura ku bafite ingengabitekerezo ya jenocide tukazayibakuramo

Gufasha abandi bana bafite ibibazo bijyanye n'ingengabitekerezo bibangamiye uburenganzira bwabo.

Ibindi bibazo n'ibisubizo byabyo:

Ibibazo byinshi nko mu nama zabanje byerekeranye n'uburezi

Ikibazo kerekeranye no kwigira ubuntu cyangwa aho minervali iza itinze

Abana basobanuriwe ko ababyeyi batagomba gutega byose kuri Leta-Mubyeyi, ko nabo bagomba kugira uruhare rugaragara mu myigire y'abana babo.

Ikibazo kerekeranye no kugira computers mu mashuri.

Abayobozi bemeye ko bazashyira computer nibura ku bigo 3 byo muri buri karere ariko ko gahunda yo guteza imbere ikoranabuhanga no mu byaro izakomeza.

Abana kandi bagaragaje impungenge batewe no gukoresha icyongereza mu mashuri mu mwaka wa 2009.

Bashubijwe ko hazabaho amahugurwa y'abarimu mu kwezi kwa 12 2008 ku buryo itangira ry'amashuri ry'umwaka utaha nta bibazo by'abarimu bavuga urwo rurimi bizaba bihari.

Ikibazo cy'inzara ku bana bajya mu mashuri badafite ibyo kurya

Bashubijwe ko hariho gahunda yo kugaburira abana saa sita ariko ababyeyi nanone bakumva ko bagomba kubigiramo uruhare.

Abana bashoboye gutsinda ariko bakabuzwa kwiga n'amikoro make y'ababyeyi byashoboka ko biyandikisha muri za ESI,

Abayobozi bemeye ko nta kibazo rwose bakwiyandisha ko bazoroherzwa.

Umwe muri bagenzi bacu w'umuhanzi Imaculée Minisitri w'Umuco na Siporo yatwemereye ko azafashwa agashobora gusohora indirimbo ze sose kuko zifite ubutumwa bwiza bukwiye kugera kuri benshi.

Muri rusange abana bagiriwe inama bakwiye kugenderaho:

- Kwigira icyizere
- Kwiubaha
- Kwihuta mubyo bakora byose
- Gukora ibyo wiyemeje byose no kugira ishyamba
- Gukunda umurimo no gukunda igihugu

IBINDI ABAYOBOZI BEMEYE.

Kumenyekanisha hatangwa amafoto y'umwana wagaragayeho ingengabitekerezo ya jenocide.

Abayobozi bemeye ko bazafasha abana mu kurwanya ingengabitekerezo ya jenocide.

Abayobozi bemeye ko bazashyiraho uburyo bwo gufasha abana babana n'ubumuga kugirango nabo bashobore kwiga.

IBYO ABANA BIYEMEJE MURI RUSANGE

Abana biyemeje kurwanya imvugo, imyitwarire, inyandiko zatera ivangura, n'ingengabitekerezo ya jenocide

Biyemeje kandi gukusanya ubuhamya kuri jenocide mu mirengano no mu tugari

Biyemeje gukomeza kuba umusingi w'amahoro.

IJAMBO RY'IKAZE RY'UMWANA

Nyakubahwa Minisitri muri MIGEPROF,

Your excellence Representatif of UNICEF,

Nyakubahwa Maire w'umuji wa Kigali,

**Banyakubahwa mwese muteraniye hano banyarwanda
banyarwandakazi namwe nshuti z'u Rwanda,**

Bana bahagaririye abandi mugire amahoro.

Mbere yo kubagezaho ijambo ry'ikaze nkuko nabisabwe nejeje no kubagezaho itangazo ryashyizweho umukono natwe abana rigira riti:” Nkuko insanganyamatsiko y'iyi nama ya kane ibivuga igira iti:”uruhare rw'umwana mu kurwanya ingengabitekerezo ya jenocide, kandi tumaze no gusobanukirwa icyo jenocide ari cyo tukumva n'ububi bwayo, tukamenya kandi by'umwihariko abagize uruhare mu guhagarika icyo jenocide;

Twe nk'abana twamaganiye kure, abanyarwanda n'abanyamahanga bakomeje kwigiramo ingengabitekerezo ya jenocide cyane nk'abanyamahanga bakomeje babigaragaza badukora mu gisebe cyangwa badukomeretsa bahagarika cyangwa se bafunga umwe mu babyeyi, umunyarwandakazi w'intwari wagize uruhare runini mu guhagarika amahano yagwiririyeyi u Rwanda.

Twe nk'abana twamaganiye kure ibyo bikorwa bibi tubizeza ko bitazaduka intege ngo bitubuze kuguma kwiyubakira igihugu ngo tukigeze ku iterambere.

Ngarutse ku bijyanye n'umwanya nahawe nagirango mbamenyeshe ko tubivanye ku mutima, nagirango nsabe abana bagenzi banjye bamfashe tugeze ku bayobozi bose muri rusange amashimwe twatumwe n'abana bagenzi bacu duhagarariye ku rwego rw'umurenge, tubashimire uyu mwanya ndetse n'uru rubuga dukomeje guhabwa tugatanga ibibazo ibitekerezo n'ibyifuzo byacu.

Turabashimiye kandi ko mwitabiriye iyi nama yacu igamije kugaragaza uruhare rwacu nk'abana mu kurwanya ingengabitekerezo, tunabashimira ko mwigoye byinshi mukaza kudushyigikira, muduha inkunga y'ibitekerezo bidufasha kubaka igihugu cyacu.

Turabizeza kandi ko nkuko abahanga b'abalatini babivuze bati:”Doctus legendi est” bivuga ngo: “tu seras un sage en étudiant”.

Tubijeje ko ibyo muri butubwire byose tuzabibyaza umusaruro, nkuko undi yabivuze ati: “tempus leverandi.”Igihe gihishura byinshi.

Turabamenyesha ko uko ibihe bigenda biha ibindi ariko tugenda tujijuka, tumenya byinshi kandi tukabifumbiza abatarabimenya.

Bityo twese tuzasenyere umugozi umwe twubaka demokarasi nk’uko abayobozi b’ubu badahwema kubigaragaza bakira ibihembo byinshi bivuye i mahanga.

Murakoze, murakarama.

IJAMBO RISOZA INAMA NKURU YA KANE Y’ABANA

Banyakubahwa Baminisitiri n’Abanyamabanga ba Leta,

Banyakubahwa bahagarariye ibihugu n’imiryango Mpuzamahanga mu Rwanda,

Ba Nyacyubahiro mwese muhagarariye abandi mwaturutse mu mirenge yose y’igihugu

Banyarwanda, banyarwandakazi,

Mu izina rya MIGEPROF, mu izina ry’abayobozi bakuru twafatanyije muri iyi nama no mu izina ry’abatashoboye kuyitabira nagirango mbashimire mwese muteraniye aha kuba mwakurikiranye imirimo y’iyi nama

Bana bacu, nk’uko bimaze kuba akamenyero muri izi nama ngarukamwaka mwaje mwifuza ko abayobozi babatega amatwi mukabagezaho ibibazo n’ibyifuzo byanyu.Mwasabye kandi inama z’abayobozi kugirango abana mwaje muhagarariye barusheho kugira uruhare mu kurwanya ingengabitekerezo ya jenocide.

